# IMPARIRWAMIHIGO ZA NYAMAGABE NEWSLETTER

MUTARAMA 2026

## ABASENATERI BAGENZUYE UKO UBWOROZI BUKORWA MU KARERE, BASHIMA UKO INZEGO ZINYURANYE ZIBWITAHO



SOMA PAJI YA 2-3

SOMA PAJI YA 8

## VISI MEYA HABIMANA YASABYE INTORE ZITABIRIYE URUGERERO RW'INKOMEZABIGWI 13 KUZAGARAGAZA IMPINDUKA



SOMA PAJI YA 10

## MEYA NIYOMWUNGERI YATANGIJE AMARUSHANWA UMURENGE KAGAME CUP 2026 KU RWEGO RW'AKARERE ASABA URUBYIRUKO GUTANGIRA GUTEKEREZA KU MIYOBORERE HAKIRI KARE





SOMA PAJI YA 18

## UMUGANDA RUSANGE W'UKWEZI KWA MUTARAMA 2026 KU RWEGO RW'AKARERE, WIBANZE KU BIKORWA BYO GUSIBURA UMUHANDA WA RAMBYA KIZIMYAMURIRO

# ABASENATERI BAGENZUYE UKO UBWOROZI BUKORWA MU KARERE, BASHIMA UKO INZEGO ZINYURANYE ZIBWITAHO



*Itsinda ry'Abasenateri rigenzura ubworozi bw'amafi bukorwa na Koperative ISOKO Y'UBUKIRE Kamegeri*

Ku wa 20 Mutarama 2026, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yakiriye itsinda ry'Abasenateri ryari rigizwe na Honorable Fulgence NSENGIYUMVA na Honorable Bibiane GAHAMANYI ryasuye Akarere mu rwego rwo kureba uko ubworozi bukorwa.

By'umwihariko barebye niba bubyarira umusaruro ababukora, uko babona ibiryo by'amatungo, imbogamizi zihari n'uburyo zavanwaho.

Ku munsi wa mbere w'uruzinduko rwabo, basuye Koperative ISOKO Y'UBUKIRE Kamegeri ikorera ubworozi bw'amafi mu Murenge wa Kamegeri.

Abanyamuryango b'iyi Koperative babwiye Abasenateri ko ubworozi bw'amafi bumaze kubateza imbere nubwo bagihura n'imbogamizi zinyuranye.

Izo zirimo iy'uko ibiryo byayo bihenze, bagasaba ko hakorwa ubuvugizi igiciro cyabyo kikagabanuka.

Koperative ISOKO Y'UBUKIRE Kamegeri igizwe n'abanyamuryango 27 barimo abagore 20.

Bororera amafi ku buso bwa hegitari 2.5, bakaba bafite ibyuzi 17.

Ku mwaka babona umusaruro ungana na toni 5.



*Abanyamuryango ba Koperative ISOKO Y'UBUKIRE Kamegeri babwiye Abasenateri ko ubworozi bw'amafi bakora bumaze kubageza ku iterambere*



*Imwe mu mafi yororwa na Koperative ISOKO Y'UBUKIRE Kamegeri*



*Koperative ISOKO Y'UBUKIRE Kamegeri ifite ibyuzi 17*

Nyuma yo kuganira n'abanyamuryango b'iyi Koperative, Abasenateri basuye umucuruzi w'ibiryo by'amatungo witwa UWARUREMA Joyeuse n'umworozi w'ingurube witwa MUHIMPUNDU Alice bo mu Murenge wa Gasaka.



***Abasenateri baherekejwe na Meya NIYOMWUNGERI basuye umworozi w'ingurube wo mu Murenge wa Gasaka witwa MUHIMPUNDU***

MUHIMPUNDU avuga ko yatangiye ubworozi bw'ingurube mu mwaka wa 2023 ahereye ku ngurube 6 gusa, none ubu akaba ageze ku ngurube 88.

Abasenateri bishimiye ko ubworozi bwe buri kugenda butera imbere, bamusaba kubushyiramo imbaraga no koroza abandi.



***MUHIMPUNDU yatangiranye n'ingurube 6 none ubu afite 88***

Kuri uyu munsi kandi Abasenateri bayoboye Inteko y'Abaturage mu Kagari ka Bugarura, mu Murenge wa Kibirizi.

Baganirije abaturage b'aka Kagari ku bijyanye n'ubworozi, nyuma bakira ibibazo byabo binahabwa umurongo.



***Abasenateri bayoboye Inteko y'Abaturage mu Kagari ka Bugarura, mu Murenge wa Kibirizi***

Ku munsi wa 2 w'uruzinduko rwabo ari na wo wa nyuma, ni ukuvuga ku wa 21 Mutarama 2026, Senateri NSENGIYUMVA na Senateri GAHAMANYI bakoranye inama n'ubuyobozi bw'Akarere, abakozi bafite mu nshingano ubworozi ku rwego rw'Akarere no ku rw'Imirenge, aborozi banini n'abato hamwe n'abacuruzi b'ibiryo by'amatungo.

Abasenateri bashimye uko basanze inzego zitandukanye mu Karere zita ku bworozi, basaba gukomereza muri uwo mujyo.

Muri iyi nama hatanzwe ibyifuzonama (recommendations) birimo kuzamura no kongerera ubushobozi urwego rw'ubworozi, gushishikariza aborozi gukoresha ibiryo byujuje ubuziranenge, gushyiraho ibikorwa bihuza aborozi n'amasoko, gushishikariza aborozi gukorera mu matsinda n'ibindi.




***Abasenateri basabye aborozi bo mu Karere ka Nyamagabe gukorera mu matsinda kugira ngo bahuze imbaraga***

# UWINKINGI- UMUYOBOZI W'AKARERE YASABYE ABATURAGE KUGIRA ISUKU UMUCO



***Meya NIYOMWUNGERI mu Nteko y'Abaturage mu Kagari ka Kibyagira, mu Murenge wa Uwinkingi***

Ku wa 06 Mutarama 2026, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yayoboye Inteko y'Abaturage mu Kagari ka Kibyagira, mu Murenge wa Uwinkingi, asaba abaturage b'aka Kagari kugira isuku umuco.

Iyi Nteko y'Abaturage, Umuyobozi w'Akarere yayoboye mu Murenge wa Uwinkingi, ni yo yabimburiye izindi zose zo mu mwaka wa 2026.

Ubwo yagezaga ubutumwa ku baturage b'aka Kagari, yabasabye kurushaho kwita ku isuku.

Yaragize ati: "Murasabwa kwita ku isuku yo ku mubiri, iyo ku myambaro, iy'aho murara no ku yo mu kanwa. Murasabwa kandi kujya mufungura amadirishya y'ibyumba muraramo kuko na byo biba bikeneye guhumeka".

Yabasabye kandi kwirinda amakimbirane mu miryango no kujyana abana ku ishuri.

Muri iyi Nteko y'Abaturage, Umuyobozi w'Akarere yasuzumye aho ibibazo byabajijwe mu Nteko y'Abaturage iheruka bigeze bikemuka, anakira ibishya.



***Mbere yo kwakira ibibazo bishya, Meya NIYOMWUNGERI yabanje gusuzuma aho ibibazo byabajijwe mu Nteko y'Abaturage iheruka bigeze bikemuka***

Ku wa 13 Mutarama 2026, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA we Inteko y'Abaturage yayiyoboye mu Kagari ka Ngambi, mu Murenge wa Mbazi.

Yasabye ababyeyi bafite abana barangije amashuri yisumbuye mu mwaka wa 2024-2025 kubohereza ku Urugerero, icyiciro cya 13.

Yabasabye kandi guhinga ibirayi mu materasi yakozwe ku bufatanye n'Umushinga CDAT no kugira uruhare mu kwicungira umutekano bitabira kurara amarondo.

Muri iyi Nteko y'Abaturage, Visi Meya HABIMANA yakiriye ibibazo by'abaturage bihabwa umurongo.



***Visi Meya HABIMANA mu Nteko y'Abaturage mu Murenge wa Mbazi***

## GUHINDURA CYANGWA GUHINDURIRWA AHO GUKORERA NI IBISANZWE, ARIKO INTEGO YO IHORA ARI IMWE: GUHINDURA UBUZIMA BW'UMUTURAGE BUKABA BWIZA KURUSHAHO- MEYA NIYOMWUNGERI




***Abayobozi n'abakozi b'Akarere basezera kuri Bwana NDAYAMBAJE ari nako baha ikaze Madame MUYISHIMIRE wamusimbuye***

Ku wa 08 Mutarama 2026, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI ari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA yayoboye umuhango w'ihererekanyabubasha hagati ya Bwana NDAYAMBAJE Aimé Joël wari Umuyobozi Mukuru w'Imirimo Rusange mu Karere wimuriwe mu Karere ka Kirehe na Madame MUYISHIMIRE Marie Scolastique wamusimbuye.



***Bwana NDAYAMBAJE ahererekanya ububasha na Madame MUYISHIMIRE wamusimbuye***

Meya NIYOMWUNGERI yavuze ko guhindura cyangwa guhindurirwa aho gukorera ari ibisanzwe, ariko intego yo ihora ari imwe.

Yaragize ati: "Guhindura cyangwa guhindurirwa aho gukorera ni ibisanzwe, ariko intego yacu twese yo ihora ari imwe. Ni uguhindura ubuzima bw'umuturage bukaba bwiza kurushaho".

Yashimiye cyane Bwana NDAYAMBAJE ku kazi keza yakoze mu Karere ka Nyamagabe ko gucunga neza imari n'umutungo bya Leta yari ashinzwe.

Yasabye Madame MUYISHIMIRE wamusimbuye gukomereza aho, amwizeza ko abayobozi n'abakozi b'Akarere bazamuba hafi.




***Meya NIYOMWUNGERI yavuze ko guhindura cyangwa guhindurirwa aho gukorera ari ibisanzwe ariko intego igakomeza kuba iyo gukorera umuturage***

Bwana NDAYAMBAJE Aimé Joël yimuriwe mu Karere ka Kirehe ko mu Ntara y'Uburasirazuba ku mwanya w'Umuyobozi Mukuru w'Imirimo Rusange yari asanzweho.

Madame MUYISHIMIRE Marie Scolastique wamusimbuye, we yari ari kuri uyu mwanya mu Karere ka Gicumbi ko mu Ntara y'Amajyaruguru.

## UMUYOBOZI W'AKARERE YAKIRIYE INDAHIRO 2 Z'ABAHESHA B'INKIKO BATARI AB'UMWUGA BO KU RWEGO RW'UMURENGE



*Meya NIYOMWUNGERI yakira indahiro z'Abahesha b'Inkiko batari ab'Umwuga*



*Bwana SEBINTU arahirira kurangiza imanza*

Ku wa 12 Mutarama 2026, ashingiye ku bubasha ahabwa na Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yakiriye indahiro z'Abahesha b'Inkiko batari ab'Umwuga 2 bo ku rwego rw'Umurenge.

Abo ni Madame SIBONKAYO Céline, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Kamegeri na Bwana SEBINTU Jean de Dieu, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Musange.

Meya NIYOMWUNGERI yasabye aba Bahesha b'Inkiko kwihatira kurangiza imanza z'abaturage.

Yaragize ati: "Murasabwa kujya murangiza imanza nibura kabiri mu cyumweru mu rwego rwo guha abaturage serivisi nziza. Murasabwa kandi kwirinda kubasiragiza kandi mukirinda kubaka indonke."

Madame SIBONKAYO Céline na Bwana SEBINTU Jean de Dieu baherutse kugirwa Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge nyuma yo gutsinda ikizamini cy'akazi.



*Madame SIBONKAYO arahirira kuba Umuhesha w'Inkiko utari uw'Umwuga wo ku rwego rw'Umurenge*



*Meya NIYOMWUNGERI ashyira umukono ku ndahiro z'Abahesha b'Inkiko batari ab'Umwuga yari amaze kwakira*

# ABOROZI N'ABAHINZI BO MU KARERE BASABWE KURUSHAHO KWITABIRA SERIVISI Z'UBWISHINGIZI




***Visi Meya HABIMANA atangiza ubukangurambaga bwa TEKANA URISHINGIWE "Muhinzi- Mworozi" mu Karere***

Ku wa 15 Mutarama 2026, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA yatangije ubukangurambaga bwa TEKANA URISHINGIWE "Muhinzi-Mworozi" bugamije gukangurira abahinzi n'aborozi bo mu Karere ka Nyamagabe kurushaho kwitabira serivisi z'ubwishingizi.

Iki gikorwa cyateguwe ku bufatanye bw'Akarere na Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI) binyuze mu Kigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Ubuhinzi n'Ubworozi (RAB) hashingiwe ku ntego Igihugu kiyemeje kugeraho muri Gahunda ya Kabiri yo kwihutisha Iterambere (NST2) aho inguzanyo zihabwa abahinzi zizamuka zikava kuri 6 zikagera ku 10% bigizwemo uruhare no kwegereza abahinzi serivisi z'ubwishingizi bw'ibihingwa n'amatungo kugira ngo hagabanywe inzitizi ziterwa n'imihindagurikire y'ikirere.

Cyateguwe kandi hashingiwe kuri gahunda ya Leta y'ubwishingizi bw'ibihingwa n'amatungo TEKANA Urishingiwe Muhinzi Mworozi, Leta yunganiramo abahinzi 40% by'icyiguzi cy'ubwishingizi.

Atangiza ubu bukangurambaga, Visi Meya HABIMANA yasabye abahinzi n'aborozi baturutse mu Mirenge itandukanye igize Akarere kwitabira gahunda zose Leta yashyizeho zigamije guteza imbere umuturage binyuze mu buhinzi n'ubworozi zirimo Smart Nkunganire aho Leta yunganira umuturage ku kiguzo cy'ifumbire mvaruganda, ubwishingizi bw'amatungo n'ubw'ibihingwa n'izindi.



***Abahinzi n'aborozi basabwe kurushaho kwitabira gahunda z'ubwishingizi bw'ibihingwa n'amatungo***

Muri ubu bukangurambaga bamwe mu bahinzi n'aborozi bahuye n'ibihombo biturutse ku biza no gupfusha amatungo ariko bakaza kwishyurwa bitewe n'uko bari bafite ubwishingizi, batanze ubuhamya bw'ibyiza by'ubu bwishingizi basaba abatarabwitabira kubugana.

## VISI MEYA HABIMANA YASABYE INTORE ZITABIRIYE URUGERERO RW'INKOMEZABIGWI 13 KUZAGARAGAZA IMPINDUKA



*Visi Meya HABIMANA yatangirije mu Murenge wa Mbazi, Urugerero rw'Inkomezabigwi, icyiciro cya 13 ku rwego rw'Akarere*

Ku wa 13 Mutarama 2026, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA yatangije ku rwego rw'Akarere ibikorwa by'Urugerero rw'Inkomezabigwi, icyiciro cya 13.

Ibi bikorwa byatangirijwe mu Murenge wa Mbazi.

Visi Meya HABIMANA yashimiye urubyiruko rwemeye kwitabira Urugerero rw'Inkomezabigwi.

Yashimiye kandi ababyeyi babo bemeye kubohereza.

Yarubwiye ko Akarere karwifuzaho kuzana impinduka haba kuri bo, mu miryango yabo no ku Gihugu muri rusange.

Yaragize ati: "Turashimira mwebwe mwese mwemeye kwitabira Urugerero rw'Inkomezabigwi, icyiciro cya 13. Turabizi ko mufite ibindi mwakora ariko kuba mwaremeye kubyigomwa, ni umusanzu ukomeye muri gutanga ku iterambere ry'Igihugu. Turashimira kandi ababyeyi banyu bemeye ko mwitabira Urugerero. Mubaduhere ubu butumwa. Turabifuzaho impinduka haba kuri mwe, mu miryango yanyu no ku Gihugu muri rusange."

Yarusabye kwitabira ibikorwa byose byagenwe, kurangwa n'ishyaka kandi bagatanga umusaruro.

Yarusabye kandi kurangwa n'ubumwe.



*Visi Meya HABIMANA yasabye urubyiruko rwitabiriye Urugero rw'Inkomezabigwi, icyiciro cya 13 kuzagaragaza impinduka*

Mu Karere ka Nyamagabe, Intore zigera kuri 999 ni zo zizitabiriye Urugerero rw'Inkomezabigwi, icyiciro cya 13.

Zagize uruhare mu kubaka no gusana inzu n'ubwiherero by'abatishoboye, kubaka uturima tw'igikoni, gucukura imyobo yo guteramo ibiti n'ibindi.



*Intore zigera kuri 999, ni zo zitabiriye Urugerero rw'Inkomezabigwi, icyiciro cya 13*

## KOMISIYO Y'INGENGO Y'IMARI N'UMUTUNGO BYA LETA MU NTEKO ISHIMATEGEKO Y'U RWANDA YASUZUMYE UKO AKARERE KAKORESHEJE INGENGO Y'IMARI N'UMUTUNGO BYA LETA MURI 2025-2026




***Itsinda ry'Abadepite bo muri Komisiyo y'Ingengo y'Imari n'Umutungo bya Leta mu Nteko Ishingamategeko y'u Rwanda ryasuye Akarere riyobowe na Visi Perezida w'iyi Komisiyo, Hon. NIZEYIMANA Pie***

Ku wa 16 Mutarama 2026, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI ari kumwe na Visi Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere, Bwana BIZIMANA Evariste n'abandi bagize Komite Nyobozi y'Akarere, yakiriye itsinda ry'Abadepite babarizwa muri Komisiyo y'Ingengo y'Imari n'Umutungo bya Leta mu Nteko Ishinga Amategeko.

Iri tsinda ry'Abadepite ryari riyobowe na Hononorable NIZEYIMANA Pie, Visi Perezida w'iyi Komsiyo, ryagenzwaga no kureba uko Akarere kakoresheje ingengo y'imari ya Leta mu bihembwe 2 bibanza by'umwaka wa 2025-2026.




***Abadepite beretswe uko Akarere kakoresheje ingengo y'imari muri 2025-2026***

Nyuma yo kugaragarizwa uko iyi ngengo y'imari yakoreshejwe mu nyandiko, Abadepite baherekejwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA basuye bimwe mu bikorwa biri mu Murenge wa Uwinkingi, Akagari ka Gahira, Umudugudu wa Rugeyo.

By'umwihariko basuye umuturage witwa RUSANGANWA Védaste worojwe inkoko n'ihene n'Umushinga PRISM.

Kuri ubu afite inkoko 44, ingurube 2 n'inka 1 kandi yamaze kwitura.

Ageze kandi ku rwego rwo gutunganya imishwi 500.



***Abadepite basuye RUSANGANWA wo mu Murenge wa Uwinkingi wahawe amatungo n'Umushinga PRISM***

RUSANGANWA n'umugore we YAMFASHIJE Frida babwiye Abadepite ko ibi bikorwa byafashije urugo rwabo kunoza imirire myiza bitewe nuko babona amagi ahagije hamwe n'amafaranga.

Abadepite bashimye uko ibikorwa by'Umushinga PRISM bifasha umuturage kwivana mu bukene binyuze mu kumuha amatungo.

## MEYA NIYOMWUNGERI YATANGIJE AMARUSHANWA UMURENGE KAGAME CUP 2026 KU RWEGO RW'AKARERE, ASABA URUBYIRUKO GUTANGIRA GUTEKEREZA KU MIYOBORERE MYIZA HAKIRI KARE



***Meya NIYOMWUNGERI atangiza Amarushanwa Umurenge Kagame Cup 2026 ku rwego rw'Akarere***

Ku wa 16 Mutarama 2026, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yatangije ku rwego rw'Akarere Amarushanwa Umurenge Kagame Cup 2026, asaba urubyiruko gutangira gutekereza ku miyoborere myiza hakiri kare.

Aya Marushanwa yatangirijwe kuri Stade Nyagisenyi hakina ikipe y'umupira w'amaguru y'abagore y'Umurenge wa Gasaka n'iy'uwa Kamegeri. Wakurikiwe n'uw'ay'abagabo nayo yo muri iyi Mirenge.



***Meya NIYOMWUNGERI asuhuza abakinnyi mbere y'uko umukino utangira***

Iyi mikino yarangiye ikipe y'abagore y'Umurenge wa Gasaka itsinze iy'uwa Kamegeri ibitego 4 kuri 0, iy'abagabo ya Gasaka nayo itsinda iya Kamegeri ibitego 2 kuri 1.



***Umukino w'umupira w'amaguru mu bagore warangiye ikipe y'Umurenge wa Gasaka itsinze iy'uwa Kamegeri ibitego 4 kuri 0***

Atangiza aya Marushanwa, Meya NIYOMWUNGERI yasabye abayitabiriye kwimakaza imiyoborere myiza hose.

By'umwihariko yasabye urubyiruko gutekereza ku miyoborere myiza hakiri kare.

Yarusabye kandi gukunda ubuzima bwarwo, rwirinda kunywa ibisindisha n'ibiyobyabwenge kandi rukaruhuka bihagije.

Umurenge Kagame Cup, ni Amarushanwa ahuza amakipe y'abaturage mu nzego z'ibanze buri mwaka mu mikino itandukanye irimo umupira w'amaguru; imikino y'amaboko nka Volley-ball na basketball, imikino ngororamubiri n'iyindi. Iyi mikino ihuza amakipe ahagarariye Imirenge kuva ku rwego rw'Akarere kugeza ku rwego rw'Igihugu.

## AKARERE KAKOREWE IGENZURA RY'AHO IBIBAZO BIBANGAMIYE IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE BIGEZE BIKEMUKA




***Meya NIYOMWUNGERI n'abagize Inama y'Umutekano Itaguye y'Akarere bakiriye itsinda rya HSIs Taskforce ku rwego rw'Igihugu***

Ku wa 22 Mutarama 2026, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI ari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA yakiriye itsinda rishinzwe gukurikirana ikemurwa ry'ibibazo bibangamiye imibereho myiza y'baturage (Human Security Issues Taskforce) ku rwego rw'Igihugu.

Iri tsinda ryari riyobowe na Bwana KAYIGANA Godefry, Umuyobozi Mukuru Ushinzwe Iterambere ry'Imibereho n'Iterambere ry'Abaturage muri Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINALOC), ryari mu gikorwa cyo kureba aho Akarere kageze gakemura ibibazo byagaragaye ko bibangamiye imibereho myiza y'abaturage mu mwaka wa 2025-2026.

Abagize iri tsinda babanje kugaragarizwa ishusho y'uko Akarere kakemuye ibi bibazo, ubundi basuzuma inyandiko mu rwego rwo kureba uko raporo zikorwa.

Bwana KAYIGANA na bagenzi be bashimye imbaraga Akarere gashyira mu bikorwa bigamije gukemura ibibazo bibangamiye imibereho myiza y'abaturage.

Basuye Umurenge wa Buruhukiro mu rwego rwo kureba uko ibikubiye muri raporo byashyizwe mu bikorwa.




***Itsinda rya HSIs Taskforce ku rwego rw'Igihugu ryari riyobowe na Bwana KAYIGANA, Umuyobozi muri MINALOC***

## MUSANGE- HABAYE UBUKANGURAMBAGA KU GUHINGA KAWA NO KWITA KU ISUKU MU MURYANGO



*Visi Meya HABIMANA mu bukangurambaga bwo guhinga kawa no kwita ku isuku y'umuryango*

Ku wa 20 Mutarama 2026, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA yayoboye ubukangurambaga bwo guhinga kawa no kwita ku isuku y'umuryango bwabereye mu Murenge wa Musange.

Ubu bukangurambaga bwateguwe ku bufatanye bw'Akarere na TRAPRO COFFEE WASHING STATION LTD, bwaranzwe no guha ingemwe za kawa abahinzi ba kawa batoranyijwe, gutera kawa ndetse n'umukino w'umupira w'amaguru wahuje Akagari ka Jenda n'aka Masizi.



*Muri ubu bukangurambaga hatewe kawa hanatangwa ingemwe ku bahinzi*

Umukino warangiye ikipe y'Akagari ka Jenda itsinze iy'aka Masizi ibitego 3 kuri 0, ihita inahabwa igikombe.

Visi Meya HABIMANA yasabye abaturage b'Umurenge wa Musange kwitabira guhinga igihingwa cya kawa kuko kiri mu byinjiza amafaranga menshi haba ku Gihugu no ku muturage ubwe.

Yabasabye kandi kwita ku isuku aho bari hose kuko ari isoko y'ubuzima.



*Visi Meya yashyikirije Ikipe y'Akagari ka Jenda igikombe yari imaze kwegukana*





*Abaturage b'Akagari ka Jenda bishimira igikombe bari bamaze kwegukana mu bukangurambaga*

# MEYA NIYOMWUNGERI YASABYE ABAKORA MURI SERIVISI Z'UBUTAKA KURUSHAHO GUHA SERIVISI NZIZA ABABAGANA




***Meya NIYOMWUNGERI mu biganiro n'abafite aho bahuriye na serivisi z'ubutaka mu Karere***

Ku wa 21 Mutarama 2026, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yagiranye ibiganiro n'abafite aho bahuriye na serivisi z'ubutaka mu Karere abasaba kurushaho guha serivisi nziza ababagana.

Ibi biganiro byitabiriwe n'abakozi bo mu Ishami ry'Ubutaka, Imiturire n'Ibikorwaremezo (One Stop Center Unit), abakora umwuga wo gupima no kugaragaza imbibi z'ubutaka bakorera mu Karere (Land Suveryors), abakozi bashinzwe Imicungire y'Ubutaka, Ibikorwaremezo n'Imiturire mu Mirenge (Sector Land Managers) n'abandi bafite aho bahurira na serivisi z'ubutaka mu Karere.

Meya NIYOMWUNGERI yasabye abitabiriye ibi biganiro kudasiragiza umuturage.

Yaragize ati: "Birababaje kumva umuturage yamara umwaka atarabona serivisi z'ubutaka kandi ibisabwa byose byose abyujuje.

Hari n'amakuru avuga ko hari abaka abaturage amafaranga kugira ngo babahe serivisi. Ibyo bintu ni bibi mubyirinde kuko uretse kuba ari icyaha gihanwa n'amategeko binatuma babatakariza icyizere."

Muri ibi biganiro kandi hagarutswe ku bijyanye n'iyubahirizwa ry'igishushanyombonera cy'imikoreshereze y'ubutaka cy'Akarere cya 2050.



***Meya NIYOMWUNGERI yasabye abatanga serivisi z'ubutaka kurushaho kuzinoza***



***Abakozi bo muri One Stop Center Unit na ba Land Suveryors bikorera bari mu bitabiriye inama yibanze ku kunoza serivisi z'ubutaka***

## ABATUBUZI B'IMBUTO Y'IBIRAYI BO MU KARERE BASABWE KONGERA INGANO Y'IYO BATUBURA



***Meya n'abatubuzi b'imbuto y'ibirayi bo mu Karere nyuma yo kugirana ibiganiro***

Ku wa 30 Mutarama 2026, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yayoboye inama yahurije hamwe ubuyobozi bw'Akarere, abatubuzi b'imbuto y'ibarayi hamwe n'abahinzi b'ibirayi banini bo mu Mirenge itandukanye igize Akarere, abasaba kongera imbaraga mu butubuzi bw'imbuto y'ibirayi.

Akarere ka Nyamagabe, ni kamwe mu Turere tw'u Rwanda tubonekamo ibirayi byiza cyane by'umwihariko mu Mirenge ikora kuri Pariki ya Nyungwe.

Gusa kugira ngo ibi birayi biboneke, bisaba ko haba hanabonetse imbuto nziza.

Mu mwaka wa 2022, mu Karere hose hatuburwaga imbuto y'ibirayi ingana na toni 600.

Iyi mbuto yari nke cyane ku buryo kugira ngo abahinzi b'ibirayi babone iyo gutera byasabaga ko bajya kuyigura mu tundi Turere, bityo ikabageraho ihenze cyane.

Kuri ubu ingano y'imbuto y'ibirayi ituburirwa mu Karere yariyongereye, ariko ubuyobozi bw'Akarere buvuga ko ikiri nke.

Mu nama yahuje ubuyobozi bw'Akarere, abatubuzi b'imbuto y'ibarayi hamwe n'abahinzi b'ibirayi banini bo mu Karere, Meya NIYOMWUNGERI yaragize ati: "Mu mwaka wa 2022, ku bijyanye n'ubutubuzi bw'imbuto y'ibirayi twari kuri toni 600 bingana na 5%. Ubu tugeze kuri toni ibihumbi 10 bingana na 33%, ariko uyu mubare turifuza ko uzamuka kuko uracyari muto. Turifuza ko uyu mwaka warangira byibuze tugeze kuri 50% by'imbuto y'ibarayi nziza dutubura. Kugira ngo ibi tubigereho, birabasaba kongera ubuso bw'ubutaka butuburirwaho imbuto y'ibirayi kandi mukongera ibikorwaremezo. Turashimira bamwe muri mwe mwamaze kumva iki kintu cy'ibikorwaremezo."

Meya NIYOMWUNGERI yavuze ko nubwo Akarere kafashije abatubuzi b'imbuto y'ibarayi kubona ubutaka bwo kuyituburiraho buherereye ku mukandara wa Nyungwe bwasarurweho ishyamba n'Ikompanyi ibifitiye uburenganzira ari yo ya Ultamate Forest Company, bitazahoraho.

Yabasabye ko batekereza uko ubutaka buri mu Mirenge nka Kaduha, Mbazi na Cyanika butari kubyazwa umusaruro babuwubyaza.

Yabijeje ko ubuyobozi bw'Akarere buzabahuza na ba nyirabwo, hakarebwa uko babubatiza.

Mu bindi yabasabye, harimo gushyiraho amaguriro azwi y'imbuto y'ibirayi.

Yasabye kandi abahinzi banini b'ibirayi nabo kwinjira mu gikorwa cyo gutubura imbuto y'ibirayi nziza.

## KOMITE Y'INAMA Y'IGIHUGU Y'ABAFITE UBUMUGA YASHIMIWE UBURYO IFASHA ABANTU BAFITE UBUMUGA KWITEZA IMBERE



*Visi Meya UWAMARIYA yafunguye inama ya NCPD ku rwego rw'Akarere*

Ku wa 26 Mutarama 2026, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA yitabiriye inama ya Komite y'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga (NCPD) mu Karere, ashima uruhare abagize iyi Komite bagira mu guteza imbere Abantu bafite Ubumuga.

Afungura iyi nama, Visi Meya UWAMARIYA yashimiye buri wese ku ruhare agira mu iterambere ry'Abantu bafite Ubumuga mu Karere, abasaba gukomereza aho.


Yaragize ati: "Turashimira buri wese ku ruhare agira mu iterambere ry'Abantu bafite Ubumuga. Ibikorwa bibateza imbere turabibona hirya no hino mu Mirenge. Biragaragara ko amahirwe Igihugu giha buri Munyarwanda n'Abantu bafite Ubumuga mubafasha kuyageraho. Mukomereze aho kandi nk'ubuyobozi bw'Akarere n'ubw'Igihugu muri rusange tubari inyuma."

Iyi nama yari iyobowe n'Umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga mu Karere, Bwana MUNYANTARAMA Anastase, yarebeye hamwe imyanzuro y'inama ya Komite iheruka n'ibikorwa bimaze gukorerwa Abantu bafite Ubumuga mu bihembwe 2 bibanza by'umwaka w'ingengo y'imari wa 2025-2026.

Iyi nama kandi yemeje Koperative z'Abantu bafite Ubumuga zizaterwa inkunga mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2025-2026. Yarebeye hamwe kandi aho imihigo y'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga mu Karere y'ibihembwe bibiri bibanza by'umwaka wa 2025-2026 igeze yeswa.



*Abagize Komite ya NCPD mu Karere bashimiwe uruhare bagira mu iterambere ry'Abantu bafite Ubumuga*



*Bwana MUNYANTARAMA, Umuhuzabikorwa wa NCPD ku rwego rw'Akarere ni we wayoboye inama*

# GUVERINERI KAYITESI YASUYE UMUHANDA KADUHA- MUGANO- MUSHUBI URI GUKORWA, ASABA KO IMIRIMO YO KUWUKORA YIHUTISHWA



*Guverineri KAYITESI yasuye umuhanda Kaduha-Mugano- Mushubi uri gukorwa*

Ku wa 29 Mutarama 2026, Guverineri w'Intara y'Amajyepfo, Madame Alice KAYITESI ari kumwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa wayo, Bwana Védaste NSHIMIYIMANA yasuye umuhanda Kaduha-Mugano-Mushubi ureshya n'ibilometero 32 uri gukorwa.

Guverineri KAYITESI yasabye rwiyemezamirimo uri gukora uyu muhanda kongera ibikoresho n'abakozi kugira ngo kuwukora byihute.

Biteganyijwe ko igice cya mbere cy'uyu muhanda kireshya n'ibilometero 9 kiva mu Murenge wa Kaduha cyerekeza ku biro by'Umurenge wa Mugano cyatangiye gukorwa ku wa 14 Mutarama 2026, kizuzura mu mezi 18, nyuma hagakurikiraho gukora icyerekeza mu Murenge wa Mushubi.

Umuhanda Kaduha-Mugano-Mushubi witezweho korohereza ubuhahirane n'imigenderanire hagati y'abaturage b'Imirenge ya Kaduha, Mugano na Mushubi.




*Guverineri KAYITESI yasabye ko hongerwa ibikoresho kugira ngo ikorwa ry'uyu muhanda ryihute*






*Igice cya mbere cy'uyu muhanda kireshya n'ibilometero 9 biteganyijwe ko kizuzura mu mezi 18*

# UMUYOBOZI WA MARGRIT FUCHS FOUNDATION KU RWEGO RW'ISI YASUYE AKARERE



***Meya NIYOMWUNGERI yakiriye Umuyobozi wa Margrit Fuchs Foundation ku rwego rw'Isi***

Ku wa 29 Mutarama 2026, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yakiriye Umuyobozi wa Margrit Fuchs Foundation ku rwego rw'Isi, Madame Regula Gloor.

Meya NIYOMWUNGERI yashimiye Madame Regula ku ruhare Fondasiyo ayoboye igira mu kuzamura imibereho y'abaturage mu Mirenge itandukanye igize Akarere binyuze mu Mushinga wa Bureau Social de Développement (BSD).



***Madame Regula uyobora Margrit Fuchs Foundation ku rwego rw'Isi yari aherekejwe n'abahagarariye BSD mu Rwanda***

Nyuma y'ibiganiro n'Umuyobozi w'Akarere, Madame Regula uyobora Margrit Fuchs Foundation yasuye abagenerwabikorwa bayo bo mu Murenge wa Kibirizi.

Margrit Fuchs Foundation, ni Umuryango ugira uruhare mu kuzamura imibereho y'abaturage mu Mirenge itandukanye igize Akarere irimo uwa Kamegeri, uwa Cyanika n'uwa Kibirizi.

Ibikorwa uteramo inkunga birimo guha amatungo abaturage, kubaha ibiti by'imbuto, kubafasha kwibumbira mu matsinda yo kubitsa no kugurizanya, gufasha abana kwiga n'ibindi.





***Perezida wa Margrit Fuchs Foundation ku rwego rw'Isi yasuye abagenerwabikorwa bayo bo mu Murenge wa Kibirizi***

## UMUGANDA RUSANGE W'UKWEZI KWA MUTARAMA 2026 KU RWEGO RW'AKARERE, WIBANZE KU BIKORWA BYO GUSIBURA UMUHANDA WA RAMBYA KIZIMYAMURIRO



*Gitifu w'Intara y'Amajyepfo, Bwana NSHIMIYIMANA, Meya NIYOMWUNGERI nA DPC, SSP NKERAMUGABA mu Muganda Rusange wa Mutarama 2026*

Ku wa 31 Mutarama 2026, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Intara y'Amajyepfo, Bwana Védaste NSHIMIYIMANA ari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI hamwe n'abagize Inama y'Umutekano Itaguye y'Akarere, bifatanyije n'abaturage b'Umurenge wa Buruhukiro mu Muganda Rusange w'ukwezi kwa Mutarama 2026.

Basibuye umuhanda Rambya-Kizimyamuriro.

Nyuma y'Umuganda Rusange, Umuyobozi w'Akarere, Bwana NIYOMWUNGERI yasabye abaturage b'Umurenge wa Buruhukiro kuzitabira ibirori byo kwizihiza Umunsi w'Intwari wizihirijwe ku rwego rwa buri Mudugudu ku wa 01 Gashyantare 2026.

Yababwiye ko u Rwanda rwubakiye ku bikorwa by'ubutwari bityo bagomba gutoza abana babo ubutwari hakiri kare kugira ngo bazabukurane.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Intara y'Amajyepfo, Bwana NSHIMIYIMANA nawe yashimiye abaturage b'Umurenge wa Buruhukiro ku bwo kuba baritabiriye Umuganda Rusange usoza ukwezi kwa Mutarama 2026 ari benshi.

Yabashimiye kandi uruhare bagira mu iterambere ry'Akarere n'iry'Igihugu muri rusange babinyujije mu bikorwa by'ubuhinzi by'umwihariko ubw'ibirayi n'ubw'icyayi.

Nawe yabasabye kurangwa n'ibikorwa by'ubutwari n'ubumwe.



*Umuhanda wakozwemo Umuganda Rusange wa Mutarama 2026 wa Rambya-Kizimyamuriro ureshya n'ibilometero 13*



*Gitifu w'Intara y'Amajyepfo, Bwana NSHIMIYIMANA yashimiye abaturage ba Buruhukiro ku ruhare bagira mu iterambere ry'Akarere n'Igihugu*

# UMURENGE KAGAME CUP 2026

## UKO AMAKIPE AZAHURA KU MUKINO WA NYUMA

### ABAGABO

GASAKA VS UWINKINGI

Sunday | 22.02.2026 | 15.00

### ABAGORE

MUGANO VS BURUHUKIRO

Sunday | 22.02.2026 | 13.00

**VENUE: STADE NYAGISENYI**

Repubulika y'u Rwanda
Intara y'Amajyepfo
**Akarere ka Nyamagabe**

Nyamagabe District